

## AMAKURU YEREKEYE AMAFARANGA WINJIZA, KUVANAHO AMAKURU Y'IBANGA, NO GUTEGANYA IBIHANO

Gahunda yo gufasha imiryango itishoboye mu bijyanye n'ingufu zikoreshwa mu ngo (izwi nka LIHEAP, HEAP, Fuel Assistance) itanga amafaranga yo gufasha kwishyura igice cy'amafaranga akoreshwa ku byuma bishyushya cyangwa bikonjesha. Amakuru watanze mu gusaba gufashwa muri porogaramu ya HEAP ashobora gukoreshwa mu kumenya niba bw'urugo rwawe rwakwemererwa gushyirwa muri porogaramu nyinshi ziyobowe na MaineHousing hamwe n'ikigo kikwegereye gishinzwe ibikorwa by'abaturage. Buri porogaramu ishobora gutanga amafaranga n'ibisabwa kuwemererwa bitandukanye. Kwemererwa kuba muri porogaramu imwe ntabwo bihita byemeza kwemererwa porogaramu zose.

Iyo wemererwa kujya muri porogaramu ya HEAP, ushobora kandi kwemererwa na gahunda zasobanuye hepfo kimwe n'izindi gahunda (zitanditswe hano) zagenewe ingo zinjiza zitifashije.

- (1) **Gahunda ishinzwe kunoza imikorere y'ibyuma bishyushya n'ibikonjesha (CHIP)** itanga ubufasha bwo gusana cyangwa gusimbuza ibyuma bikonjesha cyangwa bishyushya bikora nabi cyangwa bidakora.
- (2) **Gahunda ishinzwe guhangana n'ikibazo cy'ibura ry'ingufu (ECIP)** itanga ubufasha bwihutirwa iyo ubuzima n'umutekano byawe byugarijwe n'ikibazo cy'ubushyuhu mu gihe cy'itumba.
- (3) **Gahunda yo gufasha abatishoboye (LIAP)** ifasha nba nyiri amazu n'abakodesha kwishyura amashanyarazi.
- (4) **Gahunda ishinzwe ubufasha bitewe n'imihindagurikire y'ikirere (WAP)** itanga inkunga kuri ba nyiri amazu n'abakodesha batishoboye kugira ngo bagabanye amafaranga bakoresha y'ingufu hagamijwe kunoza uburyo bwo kugira imikoreshereze myiza y'ingufu mu rugo.

Mu kugaragaza no kwemeza ko wemererwa kuba muri porogaramu zitandukanye, MaineHousing hamwe n'ikigo kikwegereye gishinzwe ibikorwa by'abaturage gikenera gutanga amakuru yihariye n'amakuru bwite y'abandi baba mu rugo rwawe mri icyo gihugu no mu bigo bya leta. MaineHousing hamwe n'ikigo kikwegereye gishinzwe ibikorwa by'abaturage babona amakuru akwerekereye n'abandi baba mu rugo rwawe bakora muri ibyo bigo n'ahandi. Wowe hamwe n'abandi baba mu rugo rwawe mu gomba gushyira umukono ku nyandiko yemerera gusangira amakuru. Nanone kandi, inyandiko yemerera MaineHousing hamwe n'ikigo kikwegereye gishinzwe ibikorwa by'abaturage kugenzura lisansi hamwe n'ibikorwa byishyurwa inyandiko n'inyandiko wishyurirye ahatuye ubu mu myaka itanu mbere no kugeza ku myaka itanu nyuma y'itariki wasabiyeho hagamijwe kumenya uwemererwa no gusuzuma imikorere myiza y'imirimo iyo ari yo yo se ibashinzwe imihindagurikire y'ikirere bakoze.

Ushobora gukurikiranwa mu mategeko y'igihugu cyangwa aya leta mbonezamubano cyangwa y'inshinjabyaha iyo utanze amakuru atari yo nkana cyangwa iyo ukoresha amavuta ya HEAP mu buryo budahuye n'ibisabwa na MaineHousing cyangwa leta.

### AMAKURU AJYANYE NO KUJURIRA

Usaba afite uburenganzira bwo kujurira no kwakira isubiramo ridakurikije amategeko kandi rimwe na rimwe akaburanishwa mu buryo buboneye. Usaba agomba gutanga icyifuzo cy'ubujurire cyanditse kugira ngo bisubirwemo bitarenze:

- (1) Iminsi mirongo itatu (30) uherye ku munsu wamenyeshejwe ko wemererwa cyangwa utemererwa;
- (2) Iminsi mirongo icyenda (90) uherye ku munsu wasabiyeho, niba gusaba bitemewe cyangwa byanze; cyangwa
- (3) Iminsi mirongo icyenda (90) uherye ku munsu wanditseho icyifuzo cyo gusaba kwishyurwa amafaranga y'ikirenga.

Ibyifuzo byanditse bisaba ubujurire bishobora koherezwa kuri MaineHousing, 26 Edison Drive, Augusta, Maine 04330; cyangwa kuri emeri: [LIHEAPcompliance@mainehousing.org](mailto:LIHEAPcompliance@mainehousing.org).

**Isubiramo ridasanze:** Isubiramo ridasanze rigamije guteganya ibisabwa by'ibanze mu kuburana kandi ntibagaragara neza nk'iburanisha ryiza. Usaba ashobora gusaba, mu nyandiko, gusubiramo mu buryo budakurikije amategeko impaka izo ari zo zose.

Isubiramo ridasanze rikorwa n'undi muntu utari uwafashe cyangwa wemeje icyemezo mu isuzuma cyangwa uwungirije uwo muntu. MaineHousing isuzuma dosiye, igakora ubushakashatsi bwa ngombwa, kandi igaha uwashyirwa amahirwe yo kugaragaza inzitizi zanditse cyangwa zavugwa ku cyemezo gisuzumwa. Mu gufata icyemezo MaineHousing isuzuma niba ibarwa ari ukuri, urwego rw'ibyangombwa byatanze n'usaba, hamwe n'ukuri kw'icyemezo. MaineHousing imenyeshya usaba ibyavuye mu isubiramo.

**Iburanisha ricye mu mucyo:** MaineHousing iha uwashyirwa, amahirwe yo kuburanishwa mu buryo buboneye iyo ubujurire bw'usaba bwo gufashwacyanze, cyangwa kidakozwe vuba na bwangu, cyangwa impaka z'uwasabye amafaranga. MaineHousing iha kandi usaba amahirwe yo kuburanishwa biciye mu mucyo iyo usaba asabwa kwishyura amafaranga y'ikirenga.

### UKUTAVANGURA

Umuntu ufite ubumuga usaba cyangwa ahabwa ubufasha muri HEAP afite uburenganzira bwo kuba heza. Icumbi ryiza ni uguhindura cyangwa kureka politiki, uburyo cyangwa serivisi zishobora kuba iza ngombwa ku muntu ufite ubumuga kwitabira gahunda. MaineHousing itanga ubufasha bw'itumanaho bukenewe hamwe na serivisi iyo bisabwe. MaineHousing nayo itanga iyi nyandiko mu buryo butandukanye iyo bisabwe. Hamagara Umukozi ushinze kubahiriza gahunda ya EHS, Ikigo gishinzwe imiturire (Maine State Housing Authority), 26 Drive ya Edison, Augusta, Maine 04330, Terefone 1-800-452-4668 (guhmagara muri leta gusa), (207) 626-4600 (guhmagara), cyangwa 711 (Maine Relay).

MaineHousing hamwe n'ikigo gishinzwe ibikorwa by'abaturage ntibivangura hashingiwe ku bwoko, ibara ry'uruhu, idini, igitsina cyangwa icyerekezo cy'imibonano mpuzabitsina, ibiranga umuntu cyangwa imvugo, inkomoko y'igihugu, ibisekuruza, imyaka, ubumuga, kiciro cy'umuryango cyangwa aho akura amafaranga isoko mu kwemererwa cyangwa kubona, cyangwa kwivuzwa cyangwa akazi muri, gahunda zayo, n'ibikorwa.

MaineHousing yashyizeho umuntu ukurikira ushinze guhuza iyubahirizwa ry'ibisabwa na leta byo kutavangura no gukemura ibibazo: Lauren Bustard, Ikigo gishinzwe imiturire muri Leta ya Maine, 26 Edison Drive, Augusta, Maine 04330, Terefone 1-800-452-4668 (guhmagara gusa gusa), (207) 626-4600 (guhmagara), cyangwa 711 (Maine Relay).